# 401: Iri joro, yemwe bakristo mwese

1.

Iri joro, yemwe bakristo mwese, Turabibuts' Umwana w'Imana, Uko yaje kuducungura twese,Ngw Iman' izadukure mu byaha.Abo mw isi bose banezerewe Iri joro, bibuk' Umukiza. Mupfukame,
mushim’Umucunguzi I Tunezerwe, tunezerwe twese ! (x2)

2.

Kwizigira kwacu, bakristo mwese,Kudutere guhimbaz' Umwami; Inyenyeri y’
iracyaka kw ijuru Ahw abanyabwenge bayibonye. Uwo Mwami yashyizwe mu muvure:
Mubimenye, rubanda mwese mwe ! Munezerwe kukw Iman' ibikiza. Munezerwe, mwambaz' uwo Mwami ! (x 2)

3.

Umukiza yabakuye mu kaga No mu buretwa bw'umwanzi mubi. Mwes' abita ben'
Imana Rurema; Abigish' iby'urukundo rwayo.Tumwerurire yuko
tumukunda:Yadupfiriye ku Musaraba. Rubanda mwe, mwishime cyane none !
Tunezerwe, tunezerwe twese ! (x 2)

Visit us at indirimbo.com